


Amashuri ya leta muli Buffalo

**Amabwiliza agenga imyitwalire hose mu mashuri
n'ibikorwa byo kugoboka abanyeshuli barenze
ku mabwiliza**

2022-2025

Amabwiliza agenga imyitwalire y'abanyeshuli



Dr. Tonja M. Williams

Umuyobozi mukuru w'amashuri

www.buffaloschools.org

Kuki amabwiliza agenga imyitwalire ali ngombwa?

Amabwiliza agenga imyitwalire afite intumbero yo kwerekana ku mugaragaro ibitegerejwe ku banyeshuli, kandi bigomba guteza imbere umutekano no kuyobora ibintu byose bikagenda mu buryo, mu bibanza byose by'amashuli. Ibi ni ngombwa kugirango abanyeshuli babe bakikijwe n'ituze lisesuye mu gihe baba biga.

Ikinyabupfura, kwitwara neza, no kwitangira abandi ukongeraho no kwitwaralika no kwubaha abayobozi ni ngombwa kugirango amashuli abe amahuriro yigisha abanyeshuli ubwenge n'ubwitange.

Uruhare rw'abanyeshuli mu kwubahiliza amabwiliza agenga imyitwalire n'uruhe?

Abanyeshuli bafite uruhare runini mu gucunga umutekano, mu kubulizamo ibikorwa by'akajagali no mu kwubahiliza amabwiliza agenga imyitwalire mu mashuli. Kuberako ishuli aliwo mwanya umunyeshuli afite wo kwigiramo, agomba kugira uruhare mu gucunga umutekano waryo no mu kubyaza umusaruro ibikorwa bihakorerwa.

Abanyeshuli rero bategerejweho guhita babwira mwalimu, umuyobozi w'ishuli cyangwa abandi bakozi bo kw'ishuli, iyo habaye kurenga ku mabwiliza agenga imyitwalire mu mashuli. Ibi bireba abanyeshuli bose baba babonye mugenzi wabo ufite intwari, ibinyobwa bisindisha cyangwa ibindi bintu bitemewe, mu kibanza cy'ishuli (tutibagiwe no mu ma basi y'amashuli) cyangwa ahandi hantu habereye ibikorwa by'ishuli.

Ibitegerejwe ku banyeshuli n'ibiki?

Abanyeshuli bose bategetse kwitwara neza no kugira ikinyabupfura, kandi bakitwaralika umutekano n'imibereho myiza ya bagenzi babo. Ibyo amabwiliza agenga imyitwalire agusaba iyo uli umunyeshuli, n'ibi bikulikira:

- Gukora utikoresheje, mu bushobozi bwawe, no kwihatira kubona amanota menshi ashoboka.
- Kwitabira ishuli buli muni, ukinjira mw'ishuli ryawe nta gukererwa, witeguye kwigishwa.
- Gukulikiza amabwiliza agenga imyitwalire myiza y'umunyeshuli, utibagiwe amabwiliza agusaba kwambara no gukoresha za mudasobwa ukobikwiye.
- Gusaba ubufasha bw'abakozi b'amashuri mu gushakira igisubizo ikibazo gishobora kugukurulira ibihano (abo bakozi ni nk'umujyanama w'ishuri, umukozi ushinzwe imibereho myiza, cyangwa abakozi ba Say Yes).
- Kwubaha abalimu, abayobozi bo mu mashuri, ndetse na bagenzi bawe mwigana kandi ukabikora nta mususu.
- Kwemera kubarwaho ibikorwa uba wakoze.
- Kumenyeshya abayobozi, amakuru yose yafasha mu gukumira icyagilira abandi nabi.
- Kugira uruhare mu mutekano no mu gukwiza umwuka mwiza kw'ishuri, no kwubaha abandi.
- Kurangiza inshingano uhabwa mw'ishuri, nk'uko mwalimu aba yabisabye.
- Gutega amatwi ibyo abayobozi, abakozi n'abalimu bagusaba kw'ishuri.
- Kwitwaralika kutagira icyo wangiza kw'ishuri.
- Gukoresha amagambo yuje ikinyabupfura kw'ishuri.

Ibikwiye gukorwa mbere y'uko habaho kurenga ku mabwiliza agenga imyitwalire mu mashuli:

- Bibwire mwalimu
- Saba uruhusa rwo kubonana n'abakozi b'ibiro bishinzwe gufasha abanyeshuli [Student Support Team's (SST)]
- Bara kuva kuli limwe kugeza kw'icumi
- Kurura umwuka mwinshi uwufungire mu gituzo hanyuma uwurekure.
- Saba umukozi wo kw'ishuli kugufasha
- Umvikana na mwalimu wawe ku ngamba wafata ngo zikulinde kugwa mu makosa iyo ibibazo bivutse
- Itegure kwinjira mw'ishuli ryawe
- Ligereremo igihe witeguye gukulikira amasomo yawe
- Itwaralike kuba igihe cyose uli mu mwanya wagenewe
- Ganiliza ababyeyi bawe, Sogokuru cyangwa Nyogokuru, n'abandi bantu bo mu muryango

Uburenganzira n'inshingano byanjye nk'umunyeshuli ni ibihe?

- Umunyeshuli afite uburenganzira bwo: Kwiga mw'ifasi y'ubuyobozi bw'amashuli ituwemo/yatuwemo n'umuganga we no guhabwa uburezi leta itanga kuva afite imyaka 5 kugeza afite 21, nk'uko biteganywa n'amategeko.
- Kuja kw'ishuli yizeye umutekano no kuba mu bihe bizira akajagali ahubwo birangwa no kwitwaralika amasomo ku banyeshuli bese, kugirango ahabwe uburezi kandi afatwe mu buryo bureshyeshya bese.
- Kwubaha kugenerwa ikiremwa muntu no kwakiranwa ikinyabupfura, kureshyeshywa n'abandi no gufatwa neza na

bagenzi be b'abanyeshuli, ndetse n'abalimu n'abakozi bo kw'ishuli.

- Kuba yemerewe gutanga ibitekerezo bye mu mvugo cyangwa mu nyandiko.
- Kwambara mu buryo bwerekana uwo ali we.
- Guhabwa amahirwe angana kandi akwiye mu burezi.
- Kugira uruhare mu bikorwa by'ishuli ku buryo bungana nta vangura lishingiye ku bwoko, ibara ry'uruhu, ukwemera, idini, imihango y'idini, igitsina, igitsina kimukurura, igihugu n'ubwoko aturukamo, ishyamba rya politike akunda, imyaka afite, kuba yarashatse cyangwa ali ingaragu, cyangwa uburema yaba afite.
- Kudakumirwa mu guhabwa amakuru yizewe kandi afite akamaro ku byerekeye ibiyobyabwenge n'inzoga zisindisha, ndetse no kutimirwa mu gihe yaba akeneye kwegera amashyirahamwe afite ububasha bwo gufasha umunyeshuli waba afite ibibazo bimubangamiye ku giti cye.
- Kulindwa iterabwoba, kwibasirwa, gukorerwa ivangura lishingiye ku bwoko, ibara ry'uruhu, ibilo, igihugu aturuka mo, idini, imihango y'idini, igitsina, igitsina kimukurura, igitsina yiyumva mo, cyangwa ubumuga yaba afite, abigilirwa n'abakozi cyangwa abandi banyeshuli mu bibanza by'ishuli cyangwa mu bikorwa biyobowe n'ishuli.

Umunyeshuli afite inshingano zikulikira:

- 1.** Kwitabira ishuli buli munsu, iminsi yose kandi nt'akererwe, akihatira gukora akarangiza ibyo asabwa mu bushobozi bwe, kuba yiteguye kwigishwa no guhabwa amahirwe yo kubona uburezi buboneye
- 2.** Kumenya amategeko yose n'ibisabwa byose ku birebana n'imyitwalire myiza y'umunyeshuli, no kugira imyitwalire yubaha ayo mabwiliza
- 3.** Kwubaha buli wese bahulira kw'ishuli no gukorera abandi ibyo yakwifuzaga nawe gukorerwa
- 4.** Gutanga ibitekerezo bye mu kinyabupfura, ntawe ababaje, asebeje kandi ntawe abujije uburenganzira bwe
- 5.** Kwambara neza yikwije, mu buryo bwubahiliza amabwiliza agenga imyambalire, kandi akilinda kuba yabangamira ubuzima, umutekano by'abandi, cyangwa kuba yatuma hali abadashobora kwitabira ibikorwa by'ishuli no kuba yarangaza bagenzi be.
- 6.** Kumenya program z'uburezi zihali kandi zamufasha guteza imbere ubushobozi bwe ku rwego rwo hejuru rushoboka

- 7.** Kwitanga uko ashoboye mu bikorwa byose by'ishuli cyangwa bitali muli program y'ishuli, gutanga inda ya bukuru no gushyigikira abandi
- 8.** Kumenya amakuru mashya n'ibishobora kumukorerwa bikamugilira akamaro mu kubonera umuti ibibazo yahura nabyo, igihe ali ngombwa
- 9.** Kwubaha abandi no kubafata neza, akulikije amabwiliza agenga imyitwalire myiza mu mashuli yose, atibagiwe n'ingingo zanditse mw'itegeko lirengera agaciro ka buli muntu.
- 10.** Kwitwara ku buryo buteza imbere umwuka mwiza mu bantu, uzira iterabwoba, itotezwa n'ivangura.
- 11.** Guhita atanga amakuru iyo habaye ibikorwa bw'iterabwoba, itotezwa n'ivangura, no gushishikaliza abandi nabo guhita batanga bene ayo makuru.

Nkwiliye kujya nambara nte?

Kwambara uko bikwiye mu kibanza cy'ishuli cyangwa mu bikorwa biyobowe n'ishuli n'ingenzi. Iyo ulimo kwitegura kwerekeza kw'ishuli, jya wibuka ko ugomba kwambara uko bikwiye ku buryo imyambalire yawe itagira abo irangaza cyangwa ngo ibangamire igikorwa cyo kwigisha, kandi ko ugomba kwubahiliza ibintu byose bifite uruhare mu bikorwa byo kwiga. Urugero:

- Ilinde imyambaro ibonerana, ifashe cyane cyangwa migufi cyane (yaba ipantalo, ijipo, ikabutura, ishati).
- Imyambaro y'imbere igomba kuba itwikiliwe n'iy'inyuma ikwiliye, kandi amapantalo agomba kwambalirwa mu rukenyerero.
- Ugomba kwambara inkweto zikwiliye, ugenderamo bitakugoye. Inkweto zidakwiliye ni nk'izidatwikira agatsintsino (nka kambambili cyangwa inkweto zambalirwa mu cyumba) aliko si izi zonyine. Irengayobora ryose ligomba kuba liherekejwe n'inzandiko zibyemera zitangwa na muganga.
- Ushobora kwambara umwambaro wo mu mutwe usabwa na muganga cyangwa ku mpamvu z'idini.
- Imyambaro y'amahenure, isuzugulitse, iteye isoni, isebanya cyangwa ivuga nabi abandi, cyangwa ishobora kurangaza no kubangamira program zo kwiga, nti yemewe.
- Imyambaro ishishikaliza abandi kunywa inzoga zisindisha, kunywa itabi cyangwa urumogi n'ibindi ibiyobyabwenge, cyangwa ishishikaliza abandi kwitabira ibikorwa bibujijwe n'amategeko cyangwa ibikorwa by'urugomo rukoresha ingufu, nti yemewe.

- Inshyushya-gituza y'amaboko maremare ifite ingofero (bita "hoodies") ishobora kwambarwa aliko ingofero igomba kumanurwa ku buryo umutwe wose ugaragara, iyo umunyeshuli ali mu nyubako.
- Nt'ukambare imitako yambarwa ishobora gufatwa nk'intwaro. Imikandara igomba kuba ifunze.
- Birabujijwe kwambara umwambaro uzwi kuba wambarwa n'udutsiko tw'abagizi ba nabi cyangwa usa n'werekana ko nawe uli muli bene utwo dutsiko.

***** Icyitonderwa—Abanyeshuli bazanyuranya n'amabwiliza agenga imyambalire bazajya basabwa guhindura iyo myambalire, batwikira cyangwa bavanamo umwambaro unengwa, byaba ngombwa ugasimbuzwa umwambaro ukwiliye. Umunyeshuli wese uzabyanga azaba agomba kubihanirwa hakulikijwe amabwiliza agenga imyitwalire mu mashuli yose, n'ibikorwa byagenwe mu gutera abanyeshuli ingabo mu bitugu. Amabwiliza agenga imyambalire nt'agomba gutuma haba ubusumbane hagati y'ibitsina, mu guhabwa amahirwe yo gutera imbere mu bumenyi.**

N'ayahe mategeko agenga imikoreshereze y'ibikoresho bya mudasobwa [igisobanuro cy'umusemuzi: nka telephone igendanwa]?

- Iyo umunyeshuli yambuwe telephone igendanwa, abakozi b'amashuri bahita babimenyesha ababyeyi/abarezi be kugirango hashakwe ubundi buryo yakoresha mw'itumanaho. Amabwiliza y'amashuri ya leta muli Buffalo, agenga ibyo kwambura abanyeshuri telephone zigendanwa, asaba abakozi bo mu mashuri guhita babimenyesha ababyeyi/abarezi.
- icyemezo cyo kuzana kw'ishuri igikoresho cy'itumanaho (nka telephone igendanwa, iPods, iPads, mudasobwa igendanwa (Laptop), Tablet, n'ibindi...) cyangwa igikinisho cya elektronike (X-Box, PlayStation, n'ibindi.) ni icyemezo gifatwa n'umunyeshuri cyangwa umubyeyi/umurezi we.
- Abanyeshuri, ababyeyi, n'abarezi bagomba kumenya ko ubuyobozi bw'amashuri budashobora kubazwa bene ibi bikoresho byatakaliye, byangilikiye, byibiwe mu kibanza cy'ishuri.
- Acyinjira mw'ishuri, umunyeshuri ufite telephone zidendanwa agomba guhita azibika mu bubiko bwe bwitwa locker. Telefone igendanzwa igomba kubikwa ifunze ili muli "OFF" ku buryo iba idashobora guhamagara cyangwa ngo ihamagarwe.
- Abanyeshuri nti bemerewe kugendana no gukoresha telephone zigendanwa iyo bali mu nyubako y'ishuri, ndetse n'iyo bali mu ma basi y'ishuri.
- Umunyeshuri wese uzasanganwa telephone igendanwa ali mu nyubako y'ishuri azajya ayamburwa n'abakozi b'amashuri bashinzwe ubuyobozi bw'amashuri cyangwa bashinzwe umutekano.
- Iyo igikoresho cy'itumanaho cyambuwe umunyeshuri mu nyumako y'ishuri, umubyeyi/umurezi azajya asabwa kugera kw'ishuri kuvugana n'umuyobozi ushinzwe inyubako ngo akimusubize.
- Umunyeshuri uzajya arenga kur'aya mabwiliza inshuro nyinshi, azajya yamburwa igikoresho cye cy'itumanaho maze gishyikilizwe ibiro by'ubuyobozi bw'amashuri bishinzwe umutekano.

Umubyeyi/umurezi w’umunyeshuli azajya ashaka uko ajya kwaka icyo gikoresho ngo bakimusubize. Naho umunyeshuli we azaba ashobora guhanishwa ibihano biteganijwe mu mabwiliza agenga imyitwalire mu mashuli ya leta muli Buffalo.

- Gufata ibishushanyo cyangwa amafoto abujijwe, ateye isoni, yerekana ubwambure hakoreshejwe ibikoresho by’itumanaho (bidakoresha insinga) cyangwa ku bundi buryo [buzwi kw’izina rya texting (ubutumwa bugufi), sexting, emailing, etc...] bishobora gufatwa nk’icyaha gihanwa n’amategeko, hakulikije amategeko ya leta ya New York, cyangwa aya leta zunze ubumwe za Amerika. Umuntu wese uzakwirakwiza, uzahanahana cyangwa uzasangiza ibishushanyo cyangwa amafoto ateye isoni, yerekana ubwambure, cyangwa ibindi bishushanyo cyangwa amafoto abujijwe azajya ahabwa ibihano biteganijwe mu mashuli ya leta kandi ibye bigezwe ku nzego za leta ya New York na leta zunze ubumwe za Amerika zishinzwe kwubahiliza amategeko n’izindi nzego bireba; ibi rero bishobora gutuma nyir’ukubikora afatwa agafungwa, ajyanwa mu rukiko gucirwa urubanza, ndetse no kwandikwa mu gitabo cyandikwamo abakora ibyaha bishingiye ku gitsina **UBUZIMA BWE BWOSE**.
- Abapolisi, abashinzwe kwubahiliza amategeko bahagaraliye inzego za leta, abashinzwe inzego z’ubuyobozi niz’umutekano bahagaraliye amashuli, n’abakozi b’ububuyobozi bw’amashuli bemerewe kuba bafite ibikoresho by’itumanaho no kubikoresha mu gihe bali ku kazi bashinzwe.

***** Icyitonderwa—Ubuyobozi bukuru bw’amashuli bushobora gutanga uruhusa rwo gukoresha telephone igendanwa mw’ishuli iyo bikenewe mu gutanga inyigisho GUSA.**

Urwo ruhusa rwo gukoresha igikorsho cy’itumanaho rutangwa n’umuyobozi w’ishuli

Inzego zishobora kugoboka no kugira icyo zikora iyo habaye kurenga ku mabwiliza agenga imyitwalire mu mashuli

Iyo abanyeshuli batatiye ibibategerejweho nk'uko byanditse mu mabwiliza agenga imyitwalire mu mashuli ya leta muli Buffalo, igihe cyose abakozi n'abayobozi b'amashuli baba bagomba kureba icyakorwa gikwiliye mu buryo bukwiliye, bakagikorana umutima wuje impuhwe.

Mu mabwiliza agenga imyitwalire halimo inzego enye (4) z'ibyakorwa, iyo habaye kuyarengaho. Buli gikorwa cyo kurenga kuli aya mabwiliza kiba kigomba kugira icyo gikorwaho na rumwe muli izi nzego, cyangwa n'inzego zirenze rumwe. Abayobozi n'abakozi b'amashuli baba bagomba **kwitabaza inzego zisabwa gukoreshwa zonyine**, kuli buli gikorwa cy'imyitwalire idahwitse.

Iyo imyitwalire idakwiye cyangwa ituma akazi gahagarara isaba ko inzego ebyili cyangwa zirenga zigira icyo ziyikoraho, urwego ruba rugomba kubanza n'urwego rutanga igihano.

Urugero: iyo umunyeshuli yanze kwubahiliza amabwiliza ahawe, abakozi b'ishuli n'umuyobozi waryo baba bagomba kwitabaza ingamba zo mu rwego rwa 1 mbere yo gutekereza kwitabaza ibihano byo mu rwego rwa 2.

Iyo umuyobozi n'abakozi b'ishuli bibaye ngombwa ko bagira icyo bakora ku myitwalire idakwiye y'umunyeshuli, baba bagomba kubanza gutekereza impamvu nyinshi. Impapuro zikulikira ziratanga amakuru y'inyongera ku byakorwa no ku nzego zitabazwa.

IMYITWALIRE IDAHWITSE KANDI ITERA IMPAGARARA N'INZEGO ZO GUHANGANA NAYO

IGISUBIZO: BANZA WITABAZE URWEGO RWAMBERE

Urwego rwa 1. Itsinda lishinzwe gufasha ishuli n'umunyeshuli: Niryoyitabazwa iyo umunyeshuli ali bwo bwa mbere yitwara nabi kandi ibihano bikaba bitali byashyirwaho.	Urwego rwa 2. Ubuyobozi bukwiye: Bwakwitabazwa iyo mw'ishuli hali ibikorwa byo gushyigikira umunyeshuli mu gushakira umuti ikibazo cy'imyitwalire mibi aliko kwitwara nabi kukaba kwakomeje ku buryo bubangamira imyigire ya bagenzi be n'iy'abandi banyeshuli	Urwego rwa 3. Kwirukana umunyeshuli by'igihe gito: Byakwitabazwa iyo ibikorwa byo kumufasha byashyizweho aliko imyitwalire mibi igakomeza ndetse ikagenda yiyongera	Urwego rwa 4. Gusaba ko umunyeshuli yirukanwa by'igihe kirekire: Byakwitabazwa iyo imyitwalire mibi ye ibangamira cyane umutekano wa bagenzi be mw'ishuli
---	--	---	--

IMYITWALIRE ITERA IMPAGARARA	Urwego rwa 1	Urwego rwa 2	Urwego rwa 3	Urwego rwa 4	Gusabirwa kwoherezwa kuli Polise cyangwa ku rwego rwa leta bireba
------------------------------	--------------	--------------	--------------	--------------	---

#1. GUSIBA ISHULI

● Gusiba ishuli nta mpamvu atanga	•				
● Gusiba ishuli inshuro nyinshi	•	•			
● Akamenyero ko gusiba ishuli (n'ukuvuga: gusiba ishuli nta mpamvu inshuro zirenze 20 mu gihe cyo gukorera amanota, mu gihembwe cyangwa mu mwaka)	•	•			

#2. UBUHEMU MW'ISHULI

● Gukopera cyangwa kwiyitilira ibikorwa by'undi (PreK-8)	•	•			
● Gukopera cyangwa kwiyitilira ibikorwa by'undi (9-12)	•	•	•		

#3. INZOGA

● Gusinda		•	•	•	•
● Kunywa inzoga cyangwa		•	•	•	•
● Gutanga inzoga cyangwa kuzigulisha				•	•

#4. KWENDEREZA UNDI MUNYESHULI (Ibi ni nko kumukubita, kumutera umugeli, cyangwa kumutera ikofe, nta nteguza kandi atagukubaniye)

● Iyo nta gikomere (nta ruguma cyangwa ububimbe bigaragara; intonganya zo mu ngo cyangwa hagati y'abali babanye neza)		•	•		
● Gukomeretsa umunyeshuli wo muli PreK kugeza kuwo muwa 4		•	•	•	
● Gukomeretsa umunyeshuli wo muwa 5 kugeza kuwo muwa 12			•	•	•

#5. IGIKANGISHO CYA BOMBE

● Abanyeshuli kuva PreK kugeza mu mwaka wa 4		•	•	•	•
● Abanyeshuli b'umwaka wa wa 5 kugeza muwa 12				•	•

IMYITWALIRE IDAHWITSE ITERA IMPAGARARA N'INZEGO ZO GUHANGANA NAYO

IGISUBIZO: BANZA WITABAZE URWEGO RWAMBERE

Urwego rwa 1. Itsinda lishinzwe gufasha ishuli n'umunyeshuli: Niryo ryitabazwa iyo umunyeshuli ali bwo bwa mbere yitwara nabi kandi ibihano bikaba bitali byashyirwaho.	Urwego rwa 2. Ubuyobozi bukwiye: Bwakwitabazwa iyo mw'ishuli hali ibikorwa byo gushyigikira umunyeshuli mu gushakira umuti ikibazo cy'imyitwalire mibi aliko kwitwara nabi kukaba kwarakomeje ku buryo bubangamira imyigire ya bagenzi be n'iy'abandi banyeshuli	Urwego rwa 3. Kwirukana umunyeshuli by'igihe gito: Byakwitabazwa iyo ibikorwa byo kumufasha byashyizweho aliko imyitwalire mibi igakomeza ndetse ikagenda yiyongera	Urwego rwa 4. Gusaba ko umunyeshuli yirukanwa by'igihe kirekire: Byakwitabazwa iyo imyitwalire mibi ye ibangamira cyane umutekano wa bagenzi be mw'ishuli		
IMYITWALIRE ITERA IMPAGARARA	URWEGO RWA 1	URWEGO RWA 2	URWEGO RWA 3	URWEGO RWA 4	ASHOBORA KWOHEREREZWA POLISE CYANGWA URWEGO RWA LETA BIREBA

#6 Itarabwoba (halimo iterabwoba kuli murandasi n'iterabwoba ry'udutsiko tw'abanyarugomo)

Kwitwara nabi ku bushake (mu magambo, mu kwenderanya, no mu nyandiko) cyangwa mw'itumanaho rya murandasi bilimo iterabwoba cyangwa bigamije gukanganya kandi bishobora kutuma ibikorwa byo kwiga bihungabana.	•	•	•		
• Iterabwoba lihoraho n'ibikorwa bitemewe bituma abandi banyeshuli badashobora kwitabira amasomo cyangwa izindi program z'ishuli zibafitiye akamaro.					•

#7. GUTERA IMPAGARARA MULI BASI

• Impagarara zidakabije muli basi (nko kuliramo cyangwa kunyweramo, gusakuza cyane, kugenda uhagaze)	•	•			
• Impagarara zikabije muli basi (nko kurwaniramo, guterana ibintu, kurangaza shoferi, gufungura imiryango isohokerwamo mu bihe bidasanzwe)		•	•	•	•

#8. GUSIBA ISHULI

• Kumara iminsi ataza kwiga cyangwa atitabira isomo litegetwe ku bushake	•	•			
--	---	---	--	--	--

IMYITWALIRE IDAHWITSE ITERA IMPAGARARA N'INZEGO ZO GUHANGANA NAYO

IGISUBIZO: BANZA WITABAZE URWEGO RWAMBERE

<p>Urwego rwa 1. Itsinda lishinzwe gufasha ishuli n'umunyeshuli:</p> <p>Niryo ryitabazwa iyo umunyeshuli ali bwo bwa mbere yitwara nabi kandi ibihano bikaba bitali byashyirwaho.</p>	<p>Urwego rwa 2. Ubuyobozi bukwiye: Bwakwitabazwa iyo mw'ishuli hali ibikorwa byo gushyigikira umunyeshuli mu gushakira umuti ikibazo cy'imyitwalire mibi aliko kwitwara nabi kukaba kwarakomeje ku buryo bubangamira imyigire ya bagenzi be n'iy'abandi banyeshuli</p>	<p>Urwego rwa 3. Kwirukana umunyeshuli by'igihe gito: Byakwitabazwa iyo ibikorwa byo kumufasha byashyizweho aliko imyitwalire mibi igakomeza ndetse ikagenda yiyongera</p>	<p>Urwego rwa 4. Gusaba ko umunyeshuli yirukanwa by'igihe kirekire: Byakwitabazwa iyo imyitwalire mibi ye ibangamira cyane umutekano wa bagenzi be mw'ishuli</p>		
IMYITWALIRE ITERA IMPAGARARA	URWEGO RWA 1	URWEGO RWA 2	URWEGO RWA 3	URWEGO RWA 4	ASHOBORA KWOHEREREZWA POLISE CYANGWA URWEGO RWA LETA BIREBA

#9. GUTUMA AMASOMO AHAGARARA

● Gutera urusaku mw'ishuli cyangwa guhererekanya urusaku; guterana ibintu; kwibasira undi munyeshuli; gukubaganira cyangwa gukinisha abandi banyeshuli; n'indi myitwalire ibuzwa abanyeshuli kwigwa

	●	●			
--	---	---	--	--	--

#10. GUSUZUGURA ABAYOBOZI NO/CYANGWA KWANGA AMABWILIZA

- Kwanga gukulikiza amabwiliza
- Kwanga gusubiza ibibazo cyangwa ibyo abakozi bo kw'ishuli basabye
- Kwanga amabwiliza bigatuma umunyeshuli cyangwa undi muntu amererwa nabi
- Kwanga amabwiliza biganisha kwigilira nabi cg kugilira nabi abandi
- Imyitwalire mibi (ikoresha ibitutsi, ibyanditse n'itumanaho rya mudasobwa mu gutera ubwoba cyangwa gutera impagarara zihagalika amasomo

	●	●			
	●	●			
	●	●	●		
	●	●	●		

IMYITWALIRE IDAHWITSE ITERA IMPAGARARA N'INZEGO ZO GUHANGANA NAYO

IGISUBIZO: BANZA WITABAZE URWEGO RWAMBERE

<p>Urwego rwa 1. Itsinda lishinzwe gufasha ishuli n'umunyeshuli:</p> <p>Niryo ryitabazwa iyo umunyeshuli ali bwo bwa mbere yitwara nabi kandi ibihano bikaba bitali byashyirwaho.</p>	<p>Urwego rwa 2. Ubuyobozi bukwiye: Bwakwitabazwa iyo mw'ishuli hali ibikorwa byo gushyigikira umunyeshuli mu gushakira umuti ikibazo cy'imyitwalire mibi aliko kwitwara nabi kukaba kwarakomeje ku buryo bubangamira imyigire ya bagenzi be n'iy'abandi banyeshuli</p>	<p>Urwego rwa 3. Kwirukana umunyeshuli by'igihe gito: Byakwitabazwa iyo ibikorwa byo kumufasha byashyizweho aliko imyitwalire mibi igakomeza ndetse ikagenda yiyongera</p>	<p>Urwego rwa 4. Gusaba ko umunyeshuli yirukanwa by'igihe kirekire: Byakwitabazwa iyo imyitwalire mibi ye ibangamira cyane umutekano wa bagenzi be mw'ishuli</p>		
IMYITWALIRE IDAHWITSE ITERA IMPAGARARA	URWEGO RWA 1	URWEGO RWA 2	URWEGO RWA 3	URWEGO RWA 4	ASHOBORA KWOHEREZWA KULI POLISE CYANGWA KU RWEGO RWA LETA BIREBA

#11. DISRESPECTFUL BEHAVIOR

<ul style="list-style-type: none"> ● Kwikoresha ibintu bitemewe, ibishushanyo cyangwa amagambo bidakwiye, cyangwa gukoresha invugo iteye isoni cyangwa irakaza 	●	●			
<ul style="list-style-type: none"> ● Imvugo itukana cyangwa isuzuguza, kubeshya, kuyobya cyangwa guha abakozi bo kw'ishuli amakuru y'ibinyoma 	●	●	●		
<ul style="list-style-type: none"> ● Imvugo itukana cyangwa isuzuguza, ibeshya, iyobya cyangwa iha abakozi b'ishuli amakuru atali yo, bikaba byatuma hali uwo bibabaza mu mutima cyangwa ku mubili 	●	●	●	●	●

#12. IMYAMBALIRE

<ul style="list-style-type: none"> ● Reba imyambalire yemewe ku rupapuro rwa 35 	●	●			
--	---	---	--	--	--

#13. IBIYOBYABWENGE (kw'ishuli, mu bikorwa biyobowe n'ishuli cyangwa iyo afatiwe mu bikorwa bifite ingaruka ku mutekano n'imibereho myiza y'abali mw'ishuli)

<ul style="list-style-type: none"> ● Kuba yabinyoye asa n'uwabisinze 		●	●	●	●
<ul style="list-style-type: none"> ● Kubinywa cyangwa kuba abifite 		●	●	●	●
<ul style="list-style-type: none"> ● Kubitanga cyangwa kubigulisha 				●	●

#14. UGUTOROKA KW'UMUHUNGU N'UMUKOBWA

<ul style="list-style-type: none"> ● Gusohoka mu kigo cy'ishuli cyangwa kuzerera mu birongozi n'ahandi nta ruhusa. 	●	●			
---	---	---	--	--	--

#15. KWAMBURA/KWAMBURA UKORESHEJE INGUFU (nko gufata cyangwa kugerageza gufata ikindu cy'undi (ikintu cyangwa amafranga) ukoresheje iterabwoba, ingufu, (ukabikora cyangwa ukavuga ko uzabikora)

<ul style="list-style-type: none"> ● Abanyeshuli ba PreK kugeza abo mu mwaka wa 4 		●	●		
<ul style="list-style-type: none"> ● Umwaka wa 5 kugeza mu wa 12 			●	●	●

#16. GUTANGA IMPURUZA Y'INKONGI UBESHYA

<ul style="list-style-type: none"> ● Abanyeshuli bo muli PreK kugeza kubo muwa 4 		●	●	●	●
<ul style="list-style-type: none"> ● Umwaka wa 5 kugeza kubo muwa 12 		●	●	●	●

#17. KURWANA

<ul style="list-style-type: none"> ● Kurwana n'undi munyeshuli (nko gusunikana no guterana amajanja) 	●	●			
<ul style="list-style-type: none"> ● Indwano yoroheje (nk'izirangira hali uwakomeretse bidakabije) 	●	●	●		

IMYITWALIRE IDAHWITSE ITERA IMPAGARARA N'INZEGO ZO GUHANGANA NAYO

IGISUBIZO: BANZA WITABAZE URWEGO RWAMBERE

<p>Urwego rwa 1. Itsinda lishinzwe gufasha ishuli n'umunyeshuli:</p> <p>Niryoyitabazwa iyo umunyeshuli ali bwo bwa mbere yitwara nabi kandi ibihano bikaba bitali byashyirwaho.</p>	<p>Urwego rwa 2. Ubuyobozi bukwiye: Bwakwitabazwa iyo mw'ishuli hali ibikorwa byo gushyigikira umunyeshuli mu gushakira umuti ikibazo cy'imyitwalire mibi aliko kwitwara nabi kukaba kwarakomeje ku buryo bubangamira imyigire ya bagenzi be n'iy'abandi banyeshuli</p>	<p>Urwego rwa 3. Kwirukana umunyeshuli by'igihe gito: Byakwitabazwa iyo ibikorwa byo kumufasha byashyizweho aliko imyitwalire mibi igakomeza ndetse ikagenda yiyongera</p>	<p>Urwego rwa 4. Gusaba ko umunyeshuli yirukanwa by'igihe kirekire: Byakwitabazwa iyo imyitwalire mibi ye ibangamira cyane umutekano wa bagenzi be mw'ishuli</p>
--	--	---	---

IMYITWALIRE IDAHWITSE ITERA IMPAGARARA	URWEGO RWA 1	URWEGO RWA 2	URWEGO RWA 3	URWEGO RWA 4	ASHOBORA KWOHEREZWA KULI POLISE CYANGWA KU RWEGO RWA LETA BIREBA
--	--------------	--------------	--------------	--------------	--

#18. GUTWIKANA INZU UBISHAKA/ICYAHA CYO GUTWIKANA

●Gutsika inzu ubishaka; gusenya inzu ukoresheje umuliro			•	•	•
---	--	--	---	---	---

#19. URUSIMBI

● Guhatira abandi gukoresha amafanga cyangwa gutanga ibintu bifite agaciro	•	•	•		
--	---	---	---	--	--

#20. KWITWARA NABI MU KIRONGOZI

● Kwirukana, gusakuza cyane, cyangwa kujarajara	•	•			
---	---	---	--	--	--

#21. KWIBASIRA UNDI HASHINGIWE KU BWOKO, INKOMOKO, IGITSINA, IGITSINA GIKURURA ABANDI, UBUMUGA, CYANGWA IDINI (nko gukoresha mudasobwa wibasira umwe mu banyeshuli)

● Kwibasira undi bidakabije	•	•			
● Kwibasira undi ugakabya (nko ku buryo buhoraho cyangwa bumara igihe kirekire)		•	•	•	•

#22. ICYAHA CYO KWANGANA

● Icyaha gihanwa n'amategeko gikorewe umuntu cyangwa umutungo, gishingiye uko cyakabaye cyangwa ku buryo bumwe, kukubogama gutewe n'ubwoko, inkomoko ubumuga, igihugu akomokamo, igitsina kumukurura, tutibagiwe n'amagambo yuzuye urwango avugirwa mu ruhamwe.		•	•	•	•
---	--	---	---	---	---

#23. GUSHISHIKALIZA ABANTU KWITABIRA IBIKORWA BY'URUGOMO

● Gutera impagarara zikomeye mu bantu no guhungabanya ituze mw'ishuli kandi ali ngombwa kugirango ishuli litange amasomo; gutera impagarara hanze y'ishuli (nko muli kafeterya, mu birongozi, mw'isomero, n'aho basi zihagarara, n'ahandi.)		•	•	•	•
● Gukoresha igikoresho cy'itumanaho ugamije kurangaza abandi no gutera impagarara		•	•	•	•

IMYITWALIRE IDAHWITSE ITERA IMPAGARARA N'INZEGO ZO GUHANGANA NAYO

IGISUBIZO: BANZA WITABAZE URWEGO RWAMBERE

<p>Urwego rwa 1. Itsinda lishinzwe gufasha ishuli n'umunyeshuli:</p> <p>Niryo ryitabazwa iyo umunyeshuli ali bwo bwa mbere yitwara nabi kandi ibihano bikaba bitali byashyirwaho.</p>	<p>Urwego rwa 2. Ubuyobozi bukiye: Bwakwitabazwa iyo mw'ishuli hali ibikorwa byo gushyigikira umunyeshuli mu gushakira umuti ikibazo cy'imyitwalire mibi aliko kwitwara nabi kukaba kwarakomeje ku buryo bubangamira imyigire ya bagenzi be n'iy'abandi banyeshuli</p>	<p>Urwego rwa 3. Kwirukana umunyeshuli by'igihe gito: Byakwitabazwa iyo ibikorwa byo kumufasha byashyizweho aliko imyitwalire mibi igakomeza ndetse ikagenda yiyongera</p>	<p>Urwego rwa 4. Gusaba ko umunyeshuli yirukanwa by'igihe kirekire: Byakwitabazwa iyo imyitwalire mibi ye ibangamira cyane umutekano wa bagenzi be mw'ishuli</p>
--	---	---	---

IMYITWALIRE IDAHWITSE KANDI ITERA IMPAGARARA	URWEGO RWA 1	URWEGO RWA 2	URWEGO RWA 3	URWEGO RWA 4	ASHOBORA KWOHEREZWA KULI POLISE CYANGWA KU RWEGO RWA LETA BIREBA
--	--------------	--------------	--------------	--------------	--

#24. KUMIRAZA UMWOTSI

<ul style="list-style-type: none"> ● Iyo ubwenge bw'umunyeshuli bwayobye kubera kumiraza umwotsi w'ibiyobyabwenge, abakozi b'ubuvuzi bagomba guhita babimenyeshwa iyo bigaraye ku munyeshuli 		●	●	●	●
<ul style="list-style-type: none"> ● Gukoresha cyangwa gutunga ibiyobyabwenge bifite umwuka umirwa ugasindisha 		●	●	●	●
<ul style="list-style-type: none"> ● Gutanga cyangwa kugulisha ibyo biyobyabwenge 				●	●

#25. KWITSIRIMA KU BAKOZI BO KW'ISHULI/ABANTU BAKURU BATALI ABA BPS (nk'abashyitsi b'ishuli, abafatanyabikorwa, abafite ibyo bakorera ishuli mbere cyangwa nyuma y'amasomo)

<ul style="list-style-type: none"> ● Kwitsirima atabishaka ku bakozi bo kw'ishuli 	●	●			
<ul style="list-style-type: none"> ● Kugaba igitero ku bakozi bo kw'ishuli; ku bakozi b'amashuri ya leta muli Buffalo no ku bandi bantu bakuru, halimo no gukubita umukozi waba aje atabaye ashaka gutandukanya abarwana cyangwa guhagalika ikindi gikorwa cy'urugomo. 			●	●	●

#26. IBIKORESHO BYA ELEKTRONIKI BIGENDANWA

<ul style="list-style-type: none"> ● Gukoresha ibikoresho bya mudasobwa nka telephone zigendanwa, za , PDA, iPod, ibikoresho bilimo imikino mu gihe kitemewe. Iyo ali ubwa mbere, abanyeshuli balihanangilizwa gusa. Nyuma y'aho, bashobora guhabwa ibihano bitenijwe ku rwego rwa 1. Ubwa 2, ababyeyi bashobora kubimenyeshwa. Ubuyobozi bw'ishuli bushobora gushyiraho ingamba zo kulinda umutekano mw'ishuli: nko gushyiraho uburyo bwo kwambura abanyeshuli za telephone bacyinjira mu kigo cy'ishuli no kubibasubiza iyo basezerewe amasomo y'uwo muni arangiye. 	●	●			
<ul style="list-style-type: none"> ● Gukoresha ibikoresho bya mudasobwa byarangiye kwemezwa ko kubikoresha bishobora kubabaza umubili cyangwa imbamutimaby'undi 		●	●	●	●

IMYITWALIRE IDAHWITSE ITERA IMPAGARARA N'INZEGO ZO GUHANGANA NAYO

IGISUBIZO: BANZA WITABAZE URWEGO RWAMBERE

Urwego rwa 1. Itsinda lishinzwe gufasha ishuli n'umunyeshuli: Niryo ryitabazwa iyo umunyeshuli ali bwo bwa mbere yitwara nabi kandi ibihano bikaba bitali byashyirwaho.	Urwego rwa 2. Ubuyobozi bukwiye: Bwakwitabazwa iyo mw'ishuli hali ibikorwa byo gushyigikira umunyeshuli mu gushakira umuti ikibazo cy'imyitwalire mibi aliko kwitwara nabi kukaba kwarakomeje ku buryo bubangamira imyigire ya bagenzi be n'iy'abandi banyeshuli	Urwego rwa 3. Kwirukana umunyeshuli by'igihe gito: Byakwitabazwa iyo ibikorwa byo kumufasha byashyizweho aliko imyitwalire mibi igakomeza ndetse ikagenda yiyongera	Urwego rwa 4. Gusaba ko umunyeshuli yirukanwa by'igihe kirekire: Byakwitabazwa iyo imyitwalire mibi ye ibangamira cyane umutekano wa bagenzi be mw'ishuli
--	---	--	--

IMYITWALIRE IDAHWITSE ITERA IMPAGARARA	URWEGO RWA 1	URWEGO RWA 2	URWEGO RWA 3	URWEGO RWA 4	ASHOBORA KWOHEREZWA KULI POLISE CYANGWA KU RWEGO RWA LETA BIREBA
---	---------------------	---------------------	---------------------	---------------------	---

#27. KWANGIZA INYUBAKO NO GUSHUSHANYA KU NKUTA

● Kuyangiza gatoya atanabishaka (ikiguzi kitageze ku ma dollar \$50)	●	●			
● Kwangiza umutungo w'undi cyangwa ikintu cy'ishuli		●	●	●	●

#28. GUKOresha IKINTU CY'ISHULI NTA BURENGANZIRA

● Gukoresha za mudasobwa, imashini ya fax, telephone, n'ibindi.	●	●			
---	---	---	--	--	--

#29. GUKOMERETSA UMUBILI BYA CYANE

● Gutuma undi muntu ashobora gupfa, kugira gikomere kidakira cyangwa isura ye igahinduka bihoraho, gutakaza ububasha bwo gukoresha ingingo z'umubili we			●	●	●
---	--	--	---	---	---

#30. GUFATA UMUKOBWA/UMUHUNGU KU NGUFU CYANGWA KUMUKORERA ICYAHA KIGANISHA KU GITSINA

● Gusambanya ku ngufu- Abakozi b'ishuli bagomba guhita bamenyesha Polisi iyo habaye ikintu nk'iki kiganisha ku gitsina				●	●
--	--	--	--	---	---

#31. IBYAHA BIGANISHA KU GITSINA

● Kwibasira undi kubera igitsina (n'ukuvuga kumubwira iby'igitsina bidaturutse k'iko bakundana, gusaba ibiganisha ku gitsina; n'indi myitwalire nk'amagambo, imvugo yanditse, cyangwa indi myitwalire iganisha ku gitsina)		●	●	●	●
● Ibikorwa bijyanye n'igitsina cyangwa imyitwalire mibi iganisha ku gitsina (kwerekana imyanya y'igitsina, ibikorwa biganisha ku gitsina, n'ibindi) (PreK kugeza mu wa 4)	●	●	●	●	●
● Ibikorwa biganisha ku gitsina n'imyitwalire mibi iganisha ku gitsina (Uwa 5 kugeza muwa 12)		●	●	●	●

#32. GUKERERWA CYANE

● Guhora akererwa cyane mw'ishuli	●	●			
-----------------------------------	---	---	--	--	--

#33. IKORANABUHANGA NO KURENGA KU MABWILIZA BISHOBORA KWEMERWA

● Reba urupapuro rwa 9 amagambo arambuye kuli aya mabwiliza	●	●			
---	---	---	--	--	--

#34. ITERABWOBA KU BAKOZI B'ISHULI (ibimenyetso by'iterabwoba, iterabwoba likoresha inyandiko cyangwa imvugo)

● PreK to grade 4	●	●	●	●	●
● Uwa 5 kugeza kuwa 12		●	●	●	●

Urwego rwa 4. Gusaba ko umunyeshuli yirukanwa by'igihe kirekire: Byakwitabazwa iyo imyitwalire mibi ye ibangamira cyane umutekano wa bagenzi be mw'ishuli	Urwego rwa 2. Ubuyobozi bukwiye: Bwakwitabazwa iyo mw'ishuli hali ibikorwa byo gushyigikira umunyeshuli mu gushakira umuti ikibazo cy'imyitwalire mibi aliko kwitwara nabi kukaba kwarakomeje ku buryo bubangamira imyigire ya bagenzi be n'iy'abandi banyeshuli	Urwego rwa 3. Kwirukana umunyeshuli by'igihe gito: Byakwitabazwa iyo ibikorwa byo kumufasha byashyizweho aliko imyitwalire mibi igakomeza ndetse ikagenda yiyongera	Urwego rwa 4. Gusaba ko umunyeshuli yirukanwa by'igihe kirekire: Byakwitabazwa iyo imyitwalire mibi ye ibangamira cyane umutekano wa bagenzi be mw'ishuli		
IMYITWALIRE IDAHWITSE ITERA IMPAGARARA	URWEGO 1	URWEGO 2	URWEGO 3	URWEGO 4	ASHOBORA KWOHEREZWA KULI POLISE CYANGWA KU RWEGO RWA LETA BIREBA
#35. UBUJURA					
● Kwiba ikintu gifite agaciro kali muni ya \$500		●	●		
● Ikirengeje \$500 (Inama n'uko Plise itakwitabazwa iyo ali umunyeshuli wo mu kiburamwaka cyangwa uwa Kindergarten)			●	●	●
#36. KUNYWA ITABI CYANGWA KULIFATANWA					
● Abakozi b'ishuli basabwa kwohereza umunyeshuli ku mujyanama ngo amuganirize ku ndaruka zo kunywa itabi n'ibiyobyabwenge	●	●			
#37. KWINJIRA AHO BIBUJWE					
● Kuba ali mu kigo cy'ishuli nta burenganzira; kuhajya kandi yarabaye ahagalitswe; kwinjira bibujijwe cyangwa kumera urugi akinjira		●	●	●	●
#38. KUGULISHA CYANGWA GUHANAHANA IBINTU BITEMEWE (kugulisha no guhanahana ibintu bitemewe muli aya mabwiliza)					
● Ibintu by'agaciro gatoya (muni ya \$50)	●	●			
● Ibintu bifite agaciro kisumbuye		●	●		
#39. Kuvuga mu magambo ko uzagilira nabi umunyeshuli cyangwa kubikora					
● Kumubwira ko uzamugilira nabi cyangwa amagambo cyangwa ibikorwa byo kumusagalira	●	●	●		



IMYITWALIRE IDAHWITSE ITERA IMPAGARARA N'INZEGO ZO GUHANGANA NAYO

IGISUBIZO: BANZA WITABAZE URWEGO RWAMBERE

19

<p>Urwego rwa 1. Itsinda lishinzwe gufasha ishuli n'umunyeshuli:</p> <p>Niryo ryitabazwa iyo umunyeshuli ali bwo bwa mbere yitwara nabi kandi ibihano bikaba bitali byashyirwaho.</p>	<p>Urwego rwa 2. Ubuyobozi bukwiye: Bwakwitabazwa iyo mw'ishuli hali ibikorwa byo gushyigikira umunyeshuli mu gushakira umuti ikibazo cy'imyitwalire mibi aliko kwitwara nabi kukaba kwarakomeje ku buryo bubangamira imyigire ya bagenzi be n'iy'abandi banyeshuli</p>	<p>Urwego rwa 3. Kwirukana umunyeshuli by'igihe gito: Byakwitabazwa iyo ibikorwa byo kumufasha byashyizweho aliko imyitwalire mibi igakomeza ndetse ikagenda yiyongera</p>	<p>Urwego rwa 4. Gusaba ko umunyeshuli yirukanwa by'igihe kirekire: Byakwitabazwa iyo imyitwalire mibi ye ibangamira cyane umutekano wa bagenzi be mw'ishuli</p>
--	--	---	---

IMYITWALIRE IDAHWITSE ITERA IMPAGARARA	URWEGO 1	URWEGO 2	URWEGO 3	URWEGO 4	ASHOBORA KWOHEREZWA KULI POLISE CYANGWA KU RWEGO RWA LETA BIREBA
--	----------	----------	----------	----------	--

#40. Intwaro, imbunda n'ibitulika

<ul style="list-style-type: none"> Ibitulika (kubifatanwa, kubigulisha, kubitanga, kubitulitsa, cyangwa kuvuga ko ugiye gutulitsa ibintu bishobora gutera inkongi nka firecrackers, bombe z'umwotsi. Ibintu bicana urumuli rwinshi, cyangwa ibintu bishobora gushya cyangwa invange yabyo aliko bitali imbunda) 			•	•	<ul style="list-style-type: none"> AGOMBA kwohererezwa Polise
<ul style="list-style-type: none"> Imbunda (gufatanwa imbunda ivugwa mw'itegeko 18 USC 921 ryo mu mategeko agenga leta ihuliweho na leta zunze ubumwe z'amerika – n'ukuvuga imbunda za masotera, imbunda nini z'indwano, za mitrayete, imbunda z'umuhigo na za bombe) 				•	<ul style="list-style-type: none"> AGOMBA kwohererezwa Polise
<ul style="list-style-type: none"> Izindi mbunda (gufatanwa imbunda yo mu bwoko ubwo ali bwo bwose, ilimo amasasu cyangwa nta yalimo, ikora cyangwa idakora, halimo n'ibikoresho bisa nayo aliko bitali yo –n'ukuvuga imbunda abana bakinisha, n'ibikinisho byitwa pellet guns, water guns, n'ibindi) 			•	•	<ul style="list-style-type: none"> AGOMBA kwohererezwa Polise
<ul style="list-style-type: none"> Izindi ntwaro (gufatanwa ibintu bishobora gukomeretsa umubili, cyangwa imbunda z'ubundi bwoko). Kwirukanwa mu gihe cy'umwaka byasabwe n'itegeko ku umunyeshuli wese warenga ku mabwiliza arebana n'imbunda, hamaze gusuzumwa uko ikibazo giteye igihe kigaragaye mu mashuri ya leta muli Biffalo 			•	•	<ul style="list-style-type: none"> AGOMBA kwohererezwa Polise
<ul style="list-style-type: none"> Ibitulika (kubifatanwa, kubigulisha, kibikwirakwiza, kubituritsa, cyangwa kuvuga ko ugiye guturitsa ibintu bitwika nka firecrackers, na bombe zitera umwotsi gucumba. Ibicana urumuli rwinshi cyangwa ibindi bintu bitulika umuliro ukaka cyangwa uruvange rw'ibyo bintu aliko bitali imbunda) 			•	•	<ul style="list-style-type: none"> AGOMBA kwohererezwa Polise

Iyo umunyeshuli cyangwa umurezi akeneye ubufasha cyangwa kugira icyo akorerwa hanze y'ishuli, inzego/amashyirahamwe akulikira ashobora kumubera ingirakamaro:

****Wahamagara kw'ishuli ry'umwana wawe kugirango bakugire n'izindi nama****

District Alternate Instruction (Ibibazo rusange)	816-3133
Attendance Supports (Ibiro bifasha abanyeshuli kudasiba ishuli)	816-3593
Guidance and Counseling (Ibiro bitanga inama)	816-3702
Medical Leave Home Instruction (Amabwiliza agenga ikiruhuko cy'uburwayi)	816-3133
Home Schooling Office (Ibiro bireba muli buli shuli-classroom)	816-3106
Programu ifasha abanyeshuli badafite aho baba	816-3717
Perogramu ifasha abana batitaweho kandi bashobora kugwa mu byaha	816-3172
Abakozi bashinzwe gutega amatwi abanyeshuli birukanywe	816-3547
Ibiro bishinzwe gushakira abanyeshuli umwanya/kubandika	816-3717
Usubiza abahamagara ubuyobozi bw;'amashuli muli Buffalo	816-3500
Uburezi mu ndimi nyinshi	816-3577
Ibiro bishinzwe kuvugira ababyeyi	816-4678
Ibiro bishinzwe kuganiliza ababyeyi n'imiryango	816-3170
Umutekano	816-3707
Uburezi bwihaliye	816-3060
(Bureba: Ikiburamwaka, gushakira abanyeshuli imyanya & Ibikorera ababyeyi)	
Ibiro by'umuyobozi mukuru w'amashuli	816-3575

****yaba umwana wawe ali mu burezi butali ubwa BPS,ugomba guhamagara kw'ishuli rye kubyerekeye ibikorwa byabo****

2022-2023

Abagize inama y'ubuyobozi bw'amashuli

Mr. Louis Petrucci

Peresida

Ahagaraliye Park District

Dr. Ann Rivera

Yungilije Perezida ushinzwe ishyirwa mu bikorwa

Ahagaraliye ifasi zose z'amashuli

Dr. Kathy Evans-Brown

Yungilije Pereziga ashinzwe ibyagezweho ndetse n'ifasi ya East District

Mr. Terrance Heard

Umuyobozi w'ibikorwa by'ubugororangingo; ahagaraliye ifasi zose
z'amashuli

Mrs. Paulette Woods

Uyobora imali n'ibikorwa; kandi ahagaraliye ifasi yo hagati

2022-2023

Abagize inama y'ubuyobozi bw'amashuri

Mrs. Sharon Belton-Cottman
Ifasi ya Ferry District

Ms. Hope Jay
Ifasi ya North District

Ms. Jennifer Mecozzi
Ifasi ya West District

Mr. Lawrence Scott
Ifasi zose

Miss Jasmine Cameron
Ahagaraliye abanyeshuli/

Amashuri ya leta muli Buffalo

Tonja M. Williams, Ed.D.

Umuyobozi mukuru w'amashuri ya leta muli Buffalo

Sharon E. Brown, Ed.D.

Yungilije umuyobozi mukuru w'amashuri ya leta; ashinzwe ibikorwa bishishikaza abanyeshuli

Orniece Hill

Yungilije umuyobozi mukuru w'amashuri; nawe ashinzwe ibikorwa byo gushishikaza abanyeshuli

www.buffaloschools.org

Ubuyobozi bukuru bw'amashuri nti bukora ivangura lishingiye ku myaka, idini, ubumuga, kuba umuntu ali ingaragu cyangwa yarashyngiwe, igihugu aturukamo, ubwoko, ibara ry'uruho, igitsina kimukurura, muli program zabwo z'uburezi, z'ibikorwa bikorerwa abanyeshuli, n'ibindi bikorwa .

Uwagira ibyo asobanura kuli aya mabwiliza yo kutavangura yakwegera Tami Hollie-McGee, ushinze abakozi, 720 City Hall, Buffalo, NY 14202 cyangwa agahamagara nomero 716-816-3500.

